**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUTANGIZA ICYUMWERU CYAHARIWE GUTANGA UBUFASHA MU BY'AMATEGEKO KU WA 22/01/2019

**Ba Nyakubahwa Bayobozi batandukanye muri hano;**

Baturage b'Akarere ka Huye muri rusange, ab'Umurenge wa Huye n'ab'Imirenge bihana imbibi by'umwihariko;

Ndabaramukije mbifuriza amahoro n'umwaka mushya muhire wa 2019.

Ndabashimiye ko mwubahirije gahunda mwahawe mukaba mwitabiriye muri benshi kugira ngo dutangirize hamwe icyumweru ngarukamwaka cyahariwe gutanga ubufasha mu by'amategeko cy'uyu mwaka wa 2019, kibaye ku nshuro ya cumi (10). Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ikaba igira iti: *«**Rangiza inshingano yawe ushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko**»*.

Minisiteri y'Ubutabera ifatanyije n'izindi nzego za Leta zigize Urwego rw'Ubutabera, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta dutegura buri mwaka icyumweru cyahariwe gutanga ubufasha mu by'amategeko.

Muri iki cyumweru, hateganyijwe ibikorwa binyuranye birimo kwigisha abaturage amategeko akoreshwa mu buzima bwa buri munsi, gukemura ibibazo by'abaturage mu Mirenge, gusura imfungwa n'abagororwa mu magereza hagatangwa inama ku bibazo bafite, kunganira ku buntu abatishoboye mu nkiko no kurangiza imanza, by'umwihariko izaciwe n'Inkiko Gacaca zerekeranye n'imitungo yangijwe n'iyasahuwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994.

Kuva gahunda y'Icyumweru cyahariwe gutanga ubufasha mu by'amategeko itangijwe muri 2009 yatanze umusaruro ushimishije. Tumaze kunganira mu manza 1094 z'abana, 24 z'abagore batwite n'abafite abana bato muri Gereza na 126 z'ibindi byiciro bikeneye kwitabwaho kurusha abandi birimo abarwayi bafite indwara zikomeye n'abakuru. Hanarangijwe imanza 36,694 zaciwe n'Inkiko Gacaca zerekeye imitungo yangijwe n'iyasahuwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu bikorwa by'ingenzi biteganyijwe muri uyu mwaka harimo:

1. Gushishikariza abaturage kurangiza imanza ku neza no kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana, by'umwihariko kubasambanya rimwe na rimwe bibaviramo guterwa inda;

2. Gutanga ubufasha mu by'amategeko burimo no gutanga ubwunganizi mu Nkiko ku bana bakurikiranyweho ibyaha, abagore batwite, abagore bafunganywe n'abana babo bato n'abafite indwara zikomeye mu magereza;

3. Gusura Uturere dutandukanye bikozwe n'Abayobozi Bakuru, bakageza ku baturage ubutumwa bugendanye n'Icyumweru Cyahariwe gutanga Ubufasha mu by'Amategeko;

4. Gusura abaturage ku Mirenge, kubigisha no kubakangurira kumenya amategeko abagenga, bikazakorwa n'Abanyamategeko ba Minisiteri y'Ubutabera (MAJ) bafatanyije n'abagize Imiryango itari iya Leta yibumbiye muri *Legal Aid Forum* (LAF), hibandwa ku mategeko aherutse gutangazwa kandi akunze gukoreshwa ariyo Itegeko rigenga abantu n'umuryango, Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ku byerekeranye n'irangizwa ry'imanza, n'Itegeko ryerekeye kurengera umwana.

5. Gusura amagereza, kwakira ibibazo no gutanga inama mu by'amategeko ku bantu bayafungiyemo.

Kuri uyu munsi twaje kwifatanya namwe mu gutangiza ibikorwa by'Icyumweru cyahariwe gutanga Ubufasha mu by'Amategeko, twifuje no kubagezaho ubutumwa bukurikira:

1. Umwana wese uvutse agomba kwandikishwa mu bitabo by'irangamimerere bitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yavukiyeho akandikwa n'Umwanditsi w'irangamimerere.

2. Ni ngombwa kwandukuza umuntu wapfuye, nawe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) apfuye, kugira ngo akurwe mu mubare w'abo Igihugu gitegurira igenamigambi.

3. Kwirinda ihohoterwa rikorerwa abana by'umwihariko kubasambanya, mwirinda kubihishira kandi mutangira amakuru ku gihe kugira ngo uwahohotewe atabarwe vuba n'uwamuhohoteye akurikiranwe kandi abihanirwe.

4. Kwirinda kwishora mu bikorwa bifitanye isano n'ibiyobyabwenge kandi mugatangira amakuru ku gihe ku bantu mukeka ko hari aho bahuriye no kubinywa cyangwa kubicuruza kugira ngo bakurikiranwe babihanirwe cyangwa bajyanwe mu bigo ngororamuco niba ari abana.

5. Kubera ko ubucuruzi bw'abantu ari kimwe mu byaha bimaze gufata indi ntera ku rwego mpuzamahanga, no mu Rwanda bikaba byaratangiye kuhagaragara kandi nyamara amategeko u Rwanda rugenderaho afata umuntu wese nk'umunyagitinyiro utagomba gucuruzwa, mugomba kwirinda ababashuka babizeza ibyo muzakorerwa nta kiguzi babatse, gukurikiranira hafi ingendo z'abana banyu, kumenya gusesengura ibyo usezeranywa no gutangira amakuru ku gihe ku kintu cyose mwakwizezwa nta kiguzi.

6. Umuntu wese wakorewe icyaha, uwo cyangirije cyangwa cyahungabanyije afite uburenganzira bwo kuregera indishyi yisunze ubushinjacyaha cyangwa se akaziregera nyuma y'uko urubanza ku cyaha ruciwe rutakijuririwe kandi yararutsinze.

7. Kugira umuco wo gushyira mu bikorwa ku neza ibyategetswe n'Inkiko cyangwa ibyemezo bya Komite z'Abunzi kuko iyo utabikoze utyo ni wowe wishyura igihembo cy'umuhesha w'Inkiko iyo ari uw'umwuga ndetse n'ibyakoreshejwe byose mu gihe bikozwe ku gahato. Kurangiza urubanza ku neza bigarura umubano mwiza hagati y'impande z'abari bafitanye ikibazo, bikuraho ikiguzi n'umwanya bikoreshwa mu bikorwa byo kurangiza urubanza ku gahato, bikanagabanya amakimbirane, bigashimangira ubumwe n'ubwiyunge.

8. Ku byerekeranye no kwishyura imitungo yangijwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi, mushyiremo ingufu kugira ngo iki kibazo kirangire burundu. Abadafite ubwishyu mwegere abo mwakoreye icyaha n'Ubuyobozi bubibafashemo kugira ngo mwumvikane uko icyo kibazo cyo kwishyura no kwishyurwa cyarangira.

9. Nta muntu n'umwe ugomba kubura aho ageza ikibazo cye ngo gikemurwe kuko hari inzego za Leta n'izigenga zibereyeho kubaha serivisi kugira ngo uburenganzira bwanyu bwubahirizwe. Ni muri urwo rwego musabwa kuyoboka Inzu z'Ubufasha mu by'Amategeko zizwi ku izina rya MAJ zikorera ku Karere, Minisiteri y'Ubutabera yabashyiriyeho zikabafasha cyangwa zikabayobora ku babafasha.

Ibi nibikurikizwa, Abanyarwanda tuzarushaho kubaho mu mutekano usesuye urangwa n'ubutabera n'iterambere kuri buri wese.

Ngana ku musozo, ndashimira by'umwihariko abafatanyabikorwa ba Minisiteri y'Ubutabera barimo n'Imiryango Itegamiye kuri Leta dukorana, ku ruhare rwabo mu bikorwa biteganyijwe muri iki Cyumweru, Abayobozi batandukanye turi kumwe aha, Ubuyobozi bw'Akarere bwatwakiriye ndetse n'Abaturage mwese mwitabiriye uyu muhango.

Nkaba ntangaje ku mugaragaro ko mu Gihugu hose, kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 25 Mutarama 2019, hatangiye Icyumweru cyahariwe gutanga Ubufasha mu by'Amategeko mu mwaka wa 2019.

Murakoze mukomeze kugira umwaka mwiza!